**Ingingo ya 3: Gukurikiza amategeko agenga umukino (laws of the game)**

Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho na IFAB.

**IGICE CYA KABIRI: IMITERERE, IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA N'ABAKINNYI BEMEREWE GUKINA**

**Ingingo ya 4: Uburyo irushanwa rizakinwamo**

Irushanwa rizakinwa mu buryo bwo gukuranwamo (knockout system) hakinwa imikino yo mu rugo no hanze kuri buri kiciro usibye umukino wa nyuma n'uwo guhatanira umwanya wa **3.**

Amakipe 8 yageze muri 1/4 mu irushanwa ry'ikombe cy'Amahoro umwaka 2024 ntabwo azakina imikino y'amajonjora ni aya akurikira:

1. RAYON SPORT WFC
2. INDAHANGARWA WFC
3. AS KIGALI WFC
4. FATIMA WFC
5. INYEMERA WFC
6. POLICE WFC(APAER WFC)
7. GATSIBO WFC
8. NASHO WFC

Gushaka amakipe umunani azahura n'amakipe atazakina amajonjora hazakurikizwa igiteranyo kibitego ikipe ifite mu mukino ubanza n'uwo kwishyura(Aggrigate), ikipe izaba ifite igiteranyo cy'ibitego bike ntabwo izakina 1/8.

Uburyo Tombola izakorwamo kugira ngo hamenyekane uko amakipe azahura mu ijonjora ry'ibanze no muri 1/8 bizagenwa na komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA .

